Kunywa inzoga ubibona ute?

1 Wagiye mu kirori none ubonye bamwe mu bantu batagombye kunywa inzoga barimo barazinywa.

Wakora iki?

ITONDE!

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO: **"Umunyamakenga iyo abonye amakuba aje arihisha, ariko utaraba inararibonye arakomeza akagenda agahura n'akaga."—Imigani 22:3.**

Ifashishe uyu murongo w'Ibyanditswe maze usubize ibibazo bikurikira.

Ni iki gishobora kubaho uramutse ugumye muri icyo kirori?

_____

_____

Wakora iki kugira ngo wigendere mu mahoro kandi ntutume bagenzi bawe baguseka?

_____

_____

_____

Ese uhangayikishijwe *cyane* n'uko abandi baguseka?

_____

_____

INAMA

Ujye uvugana n'ababyeyi bawe ko niba ushaka gutaha kare uzabahamagara cyangwa ukabandikira mesaje ngo baze kugutwara.

Ibyo nakora igihe ndi mu kirori maze abantu bagatangira kunywa inzoga nyinshi:

_____

_____

_____

_____

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2

Tuvuge ko umuntu aguhatiye kunywa inzoga.

Wakora iki?

ITONDE!

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO: **‘Muri imbata z’uwo mwumvira.’—Abaroma 6:16.**

Ifashishe uyu murongo w’Ibyanditswe maze usubize ibibazo bikurikira.

Byagenda bite uramutse ushubije ariko ujijiganya?

_____

_____

Kwigirira icyizere byagufasha bite kunanira amoshya y’urungano?

_____

_____

_____

INAMA

Tegura icyo uzavuga mbere y’igihe. “Nkunda kuvuga nti ‘oya, ndumva ubu ntashaka kunywa inzoga.’ Ibyo bituma abantu badakomeza kungendaho kandi akenshi ntibongera kubimbaza.” —Brianna.

Icyo navuga mu gihe hagize umpatira kunywa inzoga:

_____

_____

_____

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3

Wasohokanye n’incuti zawe, none ubonye ubatwaye mu modoka ari wa wundi wahoze anywa inzoga.

Wakora iki?



ITONDE!

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO:

“Ugendana n’abanyabwenge na we azaba umunyabwenge, ariko ugirana imishyikirano n’abapfapfa bizamugwa nabi.” —Imigani 13:20.

Ifashishe uyu murongo w’Ibyanditswe maze usubize ibibazo bikurikira.

Byagenda bite wemeye ko uwo mushoferi agutahana?

_____

_____

Ni iki kindi wakora?

_____

_____

_____

Ibyo uhisemo gukora byafasha bite uwo mushoferi n’abandi?

_____

_____

INAMA

Ujye wirinda kujya mu modoka y’umuntu uzwiho gutwara nabi. Buri gihe ujye uteganya ubundi buryo bwo gutaha.

Icyo nakora mu gihe umushoferi yanyoye inzoga:

_____

_____

_____

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania